**Espérance MUREME KAMPARAGE**
**Édition SCIPORWA**
**C/o Imprimerie ROUSSEL**
**61, rue aux Ours**
**76 000 ROUEN / France**

**E-mail : sciporwa@yahoo.com**

*Espérance MUREME KAMPARAGE*
*Responsable de l'Édition SCIPORWA*

# Imhanvigituma : Imyiteguro y'ikirego cyo kurega mu rukiko Sylvestre Nsengiyumva, gusebanya mu ruhame rwa benshi, kuli Radio Ubumwe kuli Internet, ku wa 22 ugushyingo 2018

**[= *Préparatifs de plainte contre Sylvestre Nsengiyumva, pour diffamation publique, -à la Radio-Internet Ubumwe, le 22 novembre 2018*-].**

**Madame Espérance MUKASHEMA**
**Responsable de Radio-Internet Ubumwe**
**c/o Radio-Internet Ubumwe**

**<u>Avec une copie pour information à Sylvestre Nsengiyumva</u>**

**Muvandimwe Espérance MUKASHEMA,**

Mbanje kugusuhuza mu ndamukanyo ya kivandimwe kandi nkwifulije Ishya n'Ihirwe, wowe n'abawe bose, n'abakunzi ba Radio Ubumwe, natwe (= *ab'iwanjye nanjye ubwanjye*) tubalirwamo.

Nzinduwe no kukugezaho iyi nyandiko ugiye gusoma kandi umaze kubonera aho hejuru Imhanvigituma yayo.

Ndagira ngo ngusabe kuzayisomera mu ruhame rwa benshi kuli Radio Ubumwe ; kuzayihereza ku bulyo ubwo ali bwo bwose Sylvestre Nsengiyumva ; kuzamusaba kwitonda agasoma amakosa yakoze, icyaha yakoze cyo gusebanya mu ruhame rwa benshi kuli radio : asebya Espérance Mureme Kamparage, Mwalimu Mureme Kubwimana na Mouvement politique nyarwanda **<u>Mcr Abasangirangendo</u>.** Niba abishaka ; akakwandikira inyandiko isinye yo kwemera amakosa ye, yo kwemera icyaha yakoze, yo kwicuza no gusaba imbabazi ku mugaragaro abo yasebeje abizi neza kandi abishaka ; icyo gihe, nabikora bitarenze ku wa 10 ukuboza 2018 saa sita z'ijoro ; akabikora nta guca hilya no hino ; azababalirwa.

Bitabaye ibyo, ku wa 11 ukuboza 2018, dosiye yose uko yakabaye nzayishyikiliza avocat wacu, na we azakore ibishoboka byose kugira ngo Sylvestre Nsengiyumva ajyanwe mu rukiko gukubitwa intahe mu gahanga.

**Mboneyeho kwibutsa nyirubwite ko :**

- *gusebanya ali icyaha cyo gutuka no gushinja umuntu ibintu bidafitiwe gihamya.*
- *Gusebanya biba bigamije gutesha agaciro uwo basebya, kumwandagaza, gutobanga icyubahiro cye, kumukomeretsa muli Roho ye, kumwambura ishema lye no kulimbura igihagararo cye. Ibi byose bigakorwa hagamijwe kwica umuntu ahagaze.*

Urugero rubabaje cyane kurusha ibindi, ni haliya ashinja Mwalimu Mureme Kubwimana na **<u>Mcr Abasangirangendo</u>,** abashinja « ***Idéologie divisionniste ishingiye ku bintu by'uturere n'amôko, Idéologie ndugiste fondamentaliste na Idéologie hutiste fondamentaliste*** ». Uwacishiliza agasesengura bwangu, yahita abona ko ntaho bitaniye na bya bindi **Fpr Inkotanyi** yita **« *Idéologie génocidaire* ».**

**Ce sont des accusations très graves et absolument intolérables. Il est inacceptable d'accuser des gens sans preuves.**

## A. Ibyambere by'ibanze bigomba kubanza gukosorwa mu kiganiro cya Sylvestre Nsengiyumva

1. Havugwa **Mcr Abasangirangendo**, ntihavugwa *Mcr Giteriste-Kayibandiste.* Cyakora, ubwalyo, ijambo **Abasangirangendo** lisobanura « *Les Centristes Gitéristes-Kayibandistes* »
2. **Mcr Abasangirangendo** yaremwe ku wa 15 werurwe 2014. Ni mouvement politique. Ni courant idéologique. Si ishyaka. Aho humvikane neza.
3. Manifeste politiste ya **Mcr Abasangirangendo** ni igitabo cy'amapaje 108. Nta programmes politiques zilimo kuko izo zizakorerwa mu Rwanda. Ntabwo rero ali pamphlet nkuko Sylvestre Nsengiyumva abisebya.
4. Manifeste politiste na projet de Société biratandukanye cyane. Sylvestre Nsengiyumva ntabyumva, cyangwa alibeshya, akanabeshya.
5. **Dore Manifeste politiste ya Mcr Abasangirangendo**: **http://sciencespolitiquesrwandaises.fr/rwanda-vient-de-paraitre-mureme-kubwimana-manifeste-politiste-du-mcr-abasangirangendo-ou-du-centrisme-revolutionnaire-rwandais-edition-sciporwa-rouen-juin-2018-108-pages/**
   **Dore projet de Société ya Mcr Abasangirangendo**: **http://sciencespolitiquesrwandaises.fr/rwanda-vient-de-paraitre-theorie-de-la-spirale-de-la-violence-rwandaise-these-de-doctorat-de-specialisation-en-sciences-politiques-rwandaises-par-mwalimu-mureme-kubwimana-edition-scipor/**
6. Mwalimu Mureme Kubwimana yavukiye ku Gisagara, mu Ndara za Bwanamukali, ku wa 05 ukwakira 1951. Afite imyaka 67. Ntarageza kuli 69. Si Umusaza. Umusaza aba arengeje imyaka 70. Ni umukambwe. Umukambwe aba afite imyaka ili hagati ya 56 na 70. Uli hagati ya 49 na 56 yitwa Ijigija.

## B. Opozisiyo nyarwanda ntilyagagurana ahubwo irasâhînda, kandi ilimo irasabâna buhoro buhoro, mu ibânga.

**Sylvestre Nsengiyumva ntacyo azi. Arabeshyera opozisiyo nyarwanda ngo :** « *Igihe kirageze yuko Opozisiyo nyarwanda ihindura logiciel : bakava muli ibi byo kulyagagurana bishingiye ku turere n'amoko, bagakora un front révolutionnaire unique* ».

**Kuli iyi ngingo, Mwalimu Mureme Kubwimana agira, ati :** « *Ibingibi avuga si byo. Habe na busa. Opozisiyo nyarwanda ikwiragiye mu ma-courants idéologiques atandukanye, aliko ntabwo ishingiye ku turere no mu môko. Ni conflit politique et social. Si conflit tribal. Si conflit régional. Ntabwo ilyagagurana, ahubwo irasâhînda, kandi ilimo irasâbâna buhoro buhoro, mu ibanga. Ubuhuzabikorwa rusange bwa* ***Mcr Abasangirangendo*** *bufite inshuti muli Nouvelle génération, mu Ishakwe Rwanda*

*Freedom Movement, muli RDI-Rwanda rwiza [= iyaba ahubwo RDI yayoborwaga na Jean Marie Mbonimpa !]. Yewe no mu Bakiga batali Habyalimanistes bufitemo abayoboke n'inshuti. Ndetse no mu bandi ba-Habyalimanistes batali Abakiga bufitemo inshuti. Yewe no mu ba Intellectuels neutres b'Abakiga naho bufitemo abayoboke n'inshuti. Si ngombwa kuvuga amazina yabo.* ***Ibi bihe tulimo, ntabwo ali iby'abâsâma.*** *Ikindi, n'ubwo batali mu kwaha kw'ama-mouvements politiques, bufitanye imikoranire myiza na Radio Inyenyeli, na Radio Ubumwe, etc. Hakwiye rero kumenyekana ko Ubwiyunge muli Politike bugenda gahoro gahoro cyane, biguruntege, butseta ibirenge. Ntabwo ali nk'abaturage babili ku giti cyabo, bakoserezanya, bugacya mu gitondo basangira urwagwa, uwakosheje bakamuca inzoga, bagasabana imbabazi, bakiyunga, bikarangililira aho. Si ko muli Politike bigenda. Un mouvement politique, ce n'est pas comme une personne humaine. C'est très différent !* ».

Sylvestre Nsengiyumva asabwe gutegûra preuves zerekana ko adasebanya ; ko ahubwo ibyo avuga ali byo. Natange gihamya.

## C. Mutara III Rudahigwa Se-Muco ntiyali azi fratri Alexis Kagame. Ntiyagiye mu Nyakibanda agiye kumureba. Yatambagiraga mu gihugu.

**Sylvestre Nsengiyumva arabeshya cyane ngo** : « *Mutara III Rudahigwa ni we wagiye gushaka padri Alexis Kagame mu iseminali nkuru i Nyakibanda ; akamushinga kwandika Amateka y'U-Rwanda ; agaha itegeko Abiru ngo bamubwire amabanga yose, ibyo bazi byose ku Mateka y'U-Rwanda abishyire mu nyandiko, kuko bwali ubwa mbere Amateka y'U-Rwanda yandikwa.* ».

Ibingibi avuga biracagase. Mu gihe Umwami yalimo atambagira mu Rwanda, yaje gusanga mu iseminali nkuru ya Nyakibanda, *-mu biroli byahabereye-*, umusore ufite ingabire zidasanzwe, abantu bose batangaliraga, witwaga fratri Alexis Kagame. Aramwigomba. Amuha inshingano zo gushyira mu nyandiko « ***Amaliba y'Amateka y'U-Rwanda : Les sources de l'Histoire du Rwanda*** » kugira ngo atazasibangana.

Muli make, Alexis Kagame yali fratri, ntiyali padri, kabone nubwo yabuhawe nyuma yaho. Umwami ntiyagiyeyo agiye kumushaka. Ntiyali amuzi. Ikindi, gukusanya Amaliba y'Amateka no kwandika Amateka biratandukanye cyane. Ibi ni byo byakozwe nyuma y'isubirana ly'Ubwigenge. Biliya ni byo byakorwaga mbere y'isubirana ly'Ubwigenge. Umwami ntiyali chef d'État. Yali chef coutumier. Nta bubasha nyilizina yagiraga. U-Rwanda ntirwali igihugu. Rwali agahugu k'igihugu Ruanda-Urundi. Hali muli Colonisation. Amateka y'Ukolonijwe yandikwa n'Umukoloniza. Ubwo se Umunyarwanda Alexis Kagame yali kwandika Amateka y'U-Rwanda ate, kandi ruli muli Bukoloniza ? Ijambo « Colonisation » se, livuga iki ?

Sylvestre Nsengiyumava asabwe gutegura preuves zerekana ko Alexis Kagame yali padri icyo gihe kandi ko Umwami yagiye kumushaka asanzwe amûzi.

## D. Rwose, rwose, Inganji Kalinga 1943 si igitabo cy'Amateka. Ni iliba ly'Amateka [= *Source de l'Histoire*].

Aliko rwose Sylvestre Nsengiyumva icyo agamije kirâho !

Inganji Kalinga 1943 ni igitabo cya **modeli AKM « Mgr Alexis Kagame na Mureme ».** Bene cyo balimo baravuga, bati : « *Inganji Kalinga 1943 ni iliba ly'Amateka. Si igitabo cy'Amateka* ». Sylvestre Nsengiyunva, ati : « *Ashwi daaa ! Inganji Kalinga ni igitabo cy'Amateka !* ». None se, Sylvestre Nsengiyunva araturusha kumenya igitabo cyacu ? Ahaaa !!!

Mwalimu Mureme Kubwimana yasobanuye bihagije ko mbere yo ku wa 01/07/1962, Alexis Kagame atâli umunyamateka (= ***Historiographe***). Yitwaga « ***Collectionneur des Traditions : Umukusanyamaliba y'Amateka*** ». Ba historiographes bali gusa gusa Abakoloniza b'Ababiligi Jan Vansina, Marcel D'Hertefelt na André Coupez (= *grammairien*). Ibyo bintu nabo ubwabo barabyiyandikira ko Alexis Kagame yali « ***Collectionneur des Traditions*** ».

Ni gutyo rero, Alexis Kagame yanditse : « *Ubwiru, Ubucurabwenge, Ibisigo, Ibitekerezo, Ibitekerezo by'Abami, Inanga, Indilimbo z'ingabo, Ibyivugo, Ibitekerezo by'imitwe y'ingabo, Ibitekerezo by'imitwe y'inka, Amazina y'inka, Ibitekerezo by'imilyango* ». Ibi rwose ntabwo ali Amateka (= ***Histoire***). Byitwa « *Amaliba y'Amateka : Les Sources de l'Histoire* ». Aha rero, niho habalizwamo « Inganji Kalinga 1943 ».

Ni muli urwo rwego handitswe Inganji Kalinga 1943 n'ibindi bitabo byinshi. Inganji Kalinga 1943 rwose si Igitabo cy'Amateka. Ce n'est pas de l'Histoire. Ce sont des mythes, des légendes, des récits historiques, etc. Urugero : *Umugani wa Sabizeze, Igitekerezo cy'Ibimanuka, Igitekerezo cya Runukamishyo, Igitekerezo cya Nyabunyana, Igitekerezo cya Kavuna, Igitekerezo cya Kâmara, etc.* Inganji Kalinga 1943 ni Iliba ly'Amateka. Ni ibintu bitagôye kumvikana. Na Alexis Kagame ubwe atangira iki gitabo agira, ati : « ***<u>Ijya kulisha ihera ku rugo</u>*** ».

Gusa rero, nyuma ya 1962, Grégoire Kayibanda Se-Bwigenge yagize Mgr Alexis Kagame Se-Mateka ***historiographe*** rwandais. Uyu kugirango akore Amateka y'U-Rwanda, yafatanyije na Prezidanse ya Republika, na Académie rwandaise de Culture, na Inrs, na Comité d'Analyse historique ilimo Cyprien Rugamba, Paulin Muswahili, Donat Murego, Boniface Musoni, Joseph Gitera Se-Republika, n'abandi n'abandi. Bayobowe na Mgr Alexis Kagame Se-Mateka, bafashe Amaliba y'Amateka barayavoma bihagije. Noneho handikwa, bwa mbere mu Mateka y'U-Rwanda, bya bitabo bitatu Mwalimu Mureme Kubwimana yavuze mu nyandiko ye iheruka, alibyo :

- ***KAGAME SE-MATEKA Alexis, Un Abrégé de l'Ethnohistoire du Rwanda,*** *Éditions universitaires du Rwanda, Butare, 1972, 286 pages*
- ***KAGAME SE-MATEKA Alexis, Un Abrégé de l'Histoire du Rwanda, de 1855 à 1972,*** *Éditions universitaires du Rwanda, Butare, 1975, 543 pages*

- ***MUREGO Donat, La Révolution Rwandaise,*** *1959 – 1962, ISPS, Louvain, 1975*

Ubu nabyo byaralibagijwe muli modeli **AKM « Mgr Alexis Kagame et Mureme ».** Dore ibigezweho :

- **http://sciencespolitiquesrwandaises.fr/rwanda-vient-de-paraitre-cours-dintroduction-generale-aux-sciences-historiques-rwandaises-du-mwalimu-mureme-kubwimana-edition-sciporwa-rouen-janvier-2017-294-pages/**
- **http://sciencespolitiquesrwandaises.fr/rwanda-vient-de-paraitre-cours-dhistoire-du-rwanda-ancien-tome-1-la-1ere-dynastie-hima-tutsinyiginya-sindi-inganji-rwoga-edition-sciporwa-rouen-aout-2017-366-pages/**
- **http://sciencespolitiquesrwandaises.fr/rwanda-vient-de-paraitre-cours-dhistoire-du-rwanda-ancien-tome-2-la-2eme-dynastie-hima-tutsigesera-hinda-deguisee-en-nyiginya-sindi-inganji-kalinga-1ere-reedition-editio/**
- **http://sciencespolitiquesrwandaises.fr/rwanda-vient-de-paraitre-mureme-kubwimana-cours-dhistoire-du-rwanda-a-lepoque-coloniale-tome-1-colonisation-germano-hima-tutsi-edition-sciporwa-rouen-octobre/**
- **http://sciencespolitiquesrwandaises.fr/rwanda-vient-de-paraitre-mureme-kubwimana-cours-dhistoire-du-rwanda-a-lepoque-coloniale-tome-2-colonisation-belgo-hima-tutsi-edition-sciporwa-rouen-octobre-2/**

Rero, muli make, Ingaji Kalinga yo muli 1943 ni iliba ly'Amateka lyavomwemo bihagije ku bulyo lyashaje, lirafungwa burundu. Iyo habaye une réédition, édition ya kera ishyirwaho ingufuli. Inganji Kalinga yo muli 1943 ubwayo yabaye Amateka. Yarashyinguwe mu bubiko bwa **modeli AKM « Mgr Alexis Kagame na Mureme ».**

Sylvestre Nsengiyunva, niba ashaka gukritika, nakritike Projet de Société ya **Mcr Abasangirangendo,** ali na yo Thèse de Doctorat ya Mwalimu Mureme Kubwimana. **Ngiyi :** **http://sciencespolitiquesrwandaises.fr/rwanda-vient-de-paraitre-theorie-de-la-spirale-de-la-violence-rwandaise-these-de-doctorat-de-specialisation-en-sciences-politiques-rwandaises-par-mwalimu-mureme-kubwimana-edition-scipor/** Kuki ayitinya, agahimbira kuli Nyakwigendera Mgr Alexis Kagame Se-Mateka kuko atakiliho ? Va ku giti. Dore umuntu.

Sylvestre Nsengiyunva akabeshyabeshya ngo Opozisiyo nyarwanda ntigira Projet de Sosiété. **Hanyuma se iyo Thèse de Doctorat ya Mwalimu Mureme Kubwimana, ni iki kindi ?** Keretse rero, niba Sylvestre Nsengiyunva atayunva. Aliko, icyo ni ikindi kibazo !

## E. Mgr Alexis Kagame Se-Mateka ntiyali aristocrate, kandi ntiyigeze aba pressenti kuba Umwami w'U-Rwanda.

Sylvestre Nsengiyumva arabeshya cyane. Biliya byose yavuze kuli Mgr Alexis Kagame Se-Mateka si byo. Uyu yali Umututsi modéré w'Umusinga, kandi nta

Musinga wigeze aba Umwami w'U-Rwanda kuva rwabaho. **Ntiyali aristocrate rero kuko atali Umuhima w'Umuvantâra.** Waba Umwami w'U-Rwanda ute, udakomoka Ibwami ?

Ikindi, yali padri. Nta kantu na kamwe yakoraga adahawe uruhushya na Mgr umukuliye. Kiliziya gatolika ntiyivangaga mu by'Ibwami. Nta n'umupadri wayo yali kwemerera kuba Umwami.

Sylvestre Nsengiyumva asabwe gutegûra gihamya zerekana ko atavuga imhuha. Niba yemeza ko Mgr Alexis Kagame Se-Mateka atali Umusinga ; ko abubwo yali « un aristocrate w'Ibwami » ; **noneho natange ibisekuru bye, yerekane Umwami w'U-Rwanda akomokaho.**

## F. André Coupez, Marcel D'Hertefelt, Jan Vansina, bali abakoloniza b'Ibisambo, b'ibisahiranda by'abanyabinyoma, racistes, colonialistes.

Ibyo Mwalimu Mureme Kubwimana avuga ko bali des monstres prédateurs, racistes, colonialistes belges, ndabishyigikiye.

Ibyo Sylvestre Nsengiyumva avuga ko ahubwo bali des savants, des bienfaiteurs, des éducateurs et des civilisateurs, ndabyamaganye. Mbyamaganiye kure cyane.

**Kwilingira no kwizera umuntu nk'uyunguyu Sylvestre Nsengiyunva, ni ukwibeshya no kwishuka.**

## G. Nta bourse y'Akazu [= *Habyalimanisme*] Mwalimu Mureme Kubwimana yigeze yigiraho.

IAMSEA yali ishuli mhuzamahanga lya OCAM. Ntabwo lyali ishuli ly'U-Rwanda. Kulyinjiramo byasabaga gutsinda concours international ikomeye cyane y'imibare n'igifaransa, yategurwaga n'Abafaransa ubwabo. Yali imibare ikaze, idapfa kwisukîrwa n'ubonetse wese. Iyo watsindaga iyo concours, wabonaga bourse cash y'U-Bufaransa cyangwa ya FED, wâkwishimirwa na Leta yawe, utâkwishimirwa na Leta yawe. Ni uko byagendaga.

IAMSEA rero yabaye icyanzu cy'IMANA ku Bahutu b'Abanyenduga no ku Batutsi. Ni gutyo Mwalimu Mureme Kubwimana yaciye mu lihumye Abakiga b'Abanyakazu. Arangiza atyo IAMSEA, ali « ***Ingénieur statisticien*** ». Ngo, ukize inkuba arayiganira. Abakiga b'Abanyakazu ntabwo bali boroshye, na buhoro.

Nyuma y'imyaka ibili arangije IAMSA, -[*kubera ko yahoraga ali uwambere, uwambere, buli gihe (= mbese byali cya kimwe no mu iseminali i Kansi), uretse limwe gusa niho yabaye uwagatatu kubera ko yali yararwaye malariya*]-, Umuzungu wamuyoboye muli mémoire ye, ntiyamwibagiwe. Yamushakiye bourse mu ibanga,

muli Univesité de Genève. Yarangije Université de Genève muli 1990. Ali hafi kwibonera akazi, hatera intambara mu Rwanda. Ubundi yashakaga kuzigumirayo, akazaza kudutwara. Intambara iteye, aravuga, ati : « ***Oya ! Sinareka umugore wanjye n'abana banjye bakomeza kwibana mu gihugu kilimo intambara !*** ». Ahita agaruka.

## H. Mu rugamba rw'Imhinduramatwara, Mwalimu Mureme Kubwimana yali aho rukomeye. Ntiyatereranye ingabo ku rugamba. Kandi ntiyali ku meza kwa Juvénal Habyalimana Rutemayeze.

Ageze mu Rwanda ahasanga icyûka cy'ibyîtso no gutunga agatoki. Ntituzi abantu bamushyilishije kuli liste y'Abahutu bafite Abatutsikazi. Iyo dosiye yaratuzooonze. Ahita aba umushomeri mu Rwanda, n'ama-diplômes yose yali yikoreye ! ***Vraiment !*** SCR y'Akazu yali iteye ubwoba. Ni nka DMI / DASSO y'ubu. Afata ivatiri yacu nshya yali avanye mu Busuwisi, ayigira Taxi voiture. Ubundi tugakodesha indi nzu twali twarubatse i Gikondo. Nanjye mfite akazi.

Inkubili y'amashyaka ije, abyijugunyamo. Arwana nk'intare. Ivatiri yacu ayishora muli PSD. N'agafaranga atoye kose, akakajyana muli PSD. Butare yose barayizunguruka. We, Charles Mulindahabi, Albert Mudenge, Gatanguliya, Venant Nshimiyimana, Straton Nsabumukunzi, n'abandi, n'abandi. Ngabo abantu bashinze PSD muli Butare. Bali bafite abayoboke benshi cyane koko. Mwalimu Mureme Kubwimana yali ashinzwe akarere ka Gisagara. Ntabwo twali tukimubona uko bisanzwe. Roho ye yiberaga muli PSD.

Yewe, n'aho i Byumba Sylvestre Nsengiyumva arâta, Mureme yagiyeyo mu modoka yacu aherekeje Félicien Gatabazi, muli mitingi. Yavuyeyo yiyamilira, ngo : « *Apuu, nta PSD iba i Byumba. Baratubeshya ! Cyakora hali umucuruzi mugufi munini ugerageza. Aliko ntawabarenganya, intambara ntiboroheye. Abayoboke ba PSD-Byumba barutwa n'abayoboke ba segiteri imwe gusa ya Gisagara !* ».

Akazu gashya ubwoba. Karadohôra. Tugiye kumva, twumva baramuhamagaye muli Fonction publique, abaye professeur permanent muli ISFP. Ashingwa Économie politique. Aboneraho no kuba professeur d'Économie du Développement muli 2ème Licence ya Droit i Mburabuturo, no muli 2ème Ingénieur statisticien muli IAMSEA. Ibi rero, ni uburenganzira bw'umwenegihugu mu Rwanda rwamubyaye. Si ubutoni umuntu agomba gushimira ingoma iliho.

Hashize igihe, MDR, PSD, PL, PDC nabo binjizwa muli Gouvernement. Muli 1993, Félicien Gatabazi aramutelefona, aramubwira, ati : « ***Uhumure, sinzakwibagirwa !*** ». Muli kanama 1993, tugiye kwumva, twumva Mwalimu Mureme Kubwimana yabaye directeur de l'Inspection générale des Finances. Yageze muli ministère, ajya kuramutsa ministre Marc Rugenera, directeur de Cabinet Emmanuel Ndindabahizi n'aba-conseillers ba ministre babili, alibo JM Mbaguta na Sylvestre Nsenguyunva. Ni ahongaho rero yabonaniye bwa mbere na Sylvestre Nsengiyumva. Balicaranye.

Bararebana. Sylvestre Nsengiyumva yali « *conseiller aux affaires administratives et politiques* » wa ministre des Finances. Kandi, mbibutse ko conseiller aruta kure directeur. **Ni ukuvuga rero ko Mwalimu Mureme Kubwimana yali aje asanga Sylvestre Nsengiyunva muli ministeri, kandi aje munsi ye.** Ubwo se, ali Mwalimu Mureme Kubwimana, ali Sylvestre Nsengiyumva, uwageze « ku meza » mbere y'undi ni nde ? Uwali ulyoshye kurusha undi, ni nde ? Uwali muli place d'honneur, iruhande rwa ministre, ni nde ?

Koko peee, nta rusoni, Sylvestre Nsengiyumva akihandagaza, agasebanya, akandagaza Mwalimu Mureme Kubwimana, ngo : « ***Ndamuzi, reka mhakubire aho yabaga ali, Mureme. Yabaga ali ku meza kwa Habyalimana. Yabaga ali à table !*** ».

Ngayo rero ameza yo kwa Juvénal Habyalimana Rutemayeze Mwalimu Mureme Kubwimana yaliho : naho uwo Sylvestre Nsengiyumva ngo we, atigeze abaho na limwe !

Ni aho Sylvestre Nsengiyumva ahera asebya Mwalimu Mureme Kubwimana, ngo : « *Ibyo nita ku meza ni ukuba yali afite umwanya mwiza kwa Habyalimana w'ubuyobozi muli ministère y'Imali. Yihishe ! Yihishe ! Okay ! Yihishe ! Urabyumva--- Iyo comportement ye par rapport y'Abakiga, yize ku ngoma yabo ; agira akazi keza ku ngoma yabo ; igihe kigeze cyo kubarwanya, alihisha. Aguma ku meza ! Bene wabo balisheta, abenshi babigwamo ! None aligira le plus grand fondamentaliste Ndugiste kurusha abandi !* ».

Niba Sylvestre Nsengiyumva akigira umutimanama mu gitereko cyawo, yali akwiye kwigaya, agasaba imbabazi famille ya Mureme kuko yarayisebeje, arayandagaza kandi mu binyoma n'imhuha bitagira shinge na rugero. Naho ubundi, tuzamushyikiliza urukiko rumukubite intahe mu gahanga.

## I. Erega, natwe twacitse ku icumu.

Muli gashyantare 1994, twali dutuye i Gikondo. Interahamwe ziradutera nijoro. Zirebye mu igaraje, zilimyoza zose, ngo « *Ntawe uhali, ntiyaharaye. Muhoshi twigendere !* ». Ubwo Mwalimu Mureme Kubwimana yali amaze iminsi itanu mu bya PSD i Butare. Bucya ntera Directeur général Charles Ntakirutinka, wali innshuti ye cyane, biganye mu iseminari. Nti : « *Turashize, dutabare. Twimure bwangu, tujye mu nzu ya Leta* ». Kwa Charles Ntakirutinka, twaravugaga, likijyana ! Ahita abikora direct. Umugabo aje, avuye i Butare, ataranatangira kutubwira iby'amakuru ye, asanga inkuru nyamukuru ali uko tugomba kwimuka bwangu. Ijoro twarayemo mu Kiyovu, ni na lyo joro bishemo Félicien Gatabazi. Bucyeye, i Butare, baba bishe Martin Bucyana. Interahamwe za Gikondo na Kicukiro, zirasara. Ziyobowe na Mwenewabo wa Juvénal Habyalimana Rutemayeze. Ijana n'ibirenga, zitera kwa Mureme Kubwimana, ngo : « *Natwe tugomba guhorera Bucyana wacu. Mpaka twishe Umunyabutare w'ino ukomeye ! Dore, dore : uliya Mureme Kubwimana. Iliya nkoramutima ya Félicien Gatabazi, y'i Butare, ituye i Gikondo, turayilibata !* ». Bageze iwacu, basanga tumaze

amasaha macye cyane, twimutse ! Baraaashavura !! Baaaruuumiiirwa ! Ngo : « *Rwose koko tuzabigenze dute ? Uyu mugabo aratunaniye !* ».

Ababisha ntibarekera aho. Ahubwo bahita birara mu baturanyi. Bica Abatutsi n'Abanyabutare 40. Abasore b'Abatutsi b'i Gikondo bahita birukankira mu Nkotanyi. Barakaye koko, ngo : « *Kiliya Kinywamaraso Habyalimana, kijye tujye ! Tuzaruhuka tukimennye aliya mabinga !* ». Fpr Inkotanyi iratongana, ivu libura agatebo. Umu-ministre w'Umubiligi, araza abwira Juvénal Habyalimana Rutemayeze, imbona nkubone, ati : « *Juvénal, il est minuit moins cinq !* ». Habyalimana ashya ubwoba !

**Mu Kiyovu rero !** Ku wa 07 tumba (= avril) 1994, aba-GP b'Abakiga bamaze kwica Agathe Uwilingiyimana, bamwambuye ubusa, bamujugunya mu muhanda haruguru y'iwacu kuli saint Michel. Hanyuma, aba-GP b'Abakiga, balindaga Résidence présidentielle yo mu Kiyovu, -*hali haruguru y'iwacu*-, ku itegeko lya Pascal Simbikangwa, wali utuye nawe hilya y'iwacu mu Kiyovu, baradutera. Batatu : Abakiga babili n'Umunyabutare umwe. Baje bameze nk'imbogo z'ishyamba. Batwaka ama-identités. Batwaka amafaranga. Turabahaye. Baradushoreye, batujyanye muli salon, Mwalimu Mureme Kubwimana, Mabukwe, nanjye. Abana baliruka, bahungira kwa Capitaine Emmanuel Nzeyimana w'i Cyangugu, twali duturanye.

Bagiye guhera kuli Mureme ! Umukiga muzima, amuhagarara imbere, alibanga cyane nk'umuheto. Mureme afunga umwuka, aba igituza gusa gusa kibakanuliye. Umukiga wa Rutemeyeze, apima imbunda ye neza, neza, ku umutima wa Mureme. Agii----ye. Agii…ye. Agiye kurekura amasasu, ngo amurase. Tubona Umukiga aratitiye. Ahinze nyirakadegeli. Ararerembuye ! Abize ibyuya byinshi cyane. Arakebaguzwa nk'umwana winereye. Ahita abireka. Asohoka, yataguza. Bose, bose, bahita basohoka. Tugiye kubona, tubona baragiye. Bararenze. Bagiye gukomeza ubwicanyi bwabo bwa buli munsi. Bica Antoine Nshamaje n'abiwe, bica Justin Niyongira n'abiwe, Gahigi wo muli Bnr, umuhungu wa Kanyarengwe, …. Bica… Bica…..

Mu mwanya muto, wa mu-GP w'Umunyabutare aba aragarutse. Ati : « *Ibyanyu byali birangiye. Neza, neza ! Ibi bintu, ni ibintu bilimo irondakôko n'irôndakarere. Uliya mu-GP ni Umushiru. Ngo yumvise adashaka kwica uyu mugabo. Ngo n'uwamuha ibingana iki ntiyakwemera kwica uyu mugabo. Ngo yagize ubwoba bwinshi cyane, atigeze agira mu buzima bwe. Ngo umutima we wali umuciye mu kanwa. Ngo yacitse intege. Ngo umutimanana we wamurwanyije rubura gica. Uramutsinda. Arabireka.* ». **Arangije, tumuha byeri aranywa. Yali afite icyaka cyinshi. Aliyongeza. Atubwira abatugambaniye, ati :** « *Ni ibintu bituruka mu rugo kwa Habyalimana. Neza ! Neza ! Bikanyura kwa Pascal Simbikangwa. Bigashyika kuli uyu mumaneko w'umuturanyi wanyu wa ruguru. Ni we ushinzwe quartier. Simbikangwa we ashinzwe Kiyovu yose. Ngo ni « **ugusasira Umubyeyi** ». Nyuma y'ishyingurwa lya Habyalimana, hagomba kuzaba ibindi bintu bya rukukumbashingwe bita « **korosa Umubyeyi** »* ». **Twe twâli abatesi. Ntitwali tuzi ko duturanye n'umumaneko.**

Hanyuma atubwira guhungira kwa Capitaine Nzeyimana Emmanuel twali duturanye. Ali naho twasanze abana bose. Ni na bwo twamenye ko ali wa mu-GP w'i Butare

wabashushubikanije, ngo nibahungira kwa capitaine, baje kubica. Yabikoze mu gihe Mureme yalimo kubalira udufaranga tw'urugo abo ba-GP b'Abakiga. Barangalira muli ibyo. Abana baratoroka.

Uyu Capitaine Emmanuel Nzeyimana w'i Kamembe i Cyangugu ni we waducikishije. Twigira i Butare. Ntituzigera tumwibagirwa. Tugeze i Butare, Mureme aramutelefona, amushimira. Undi nawe aramubwira, ati : « *Ahubwo, iwawe, hamaze kuva indi équipe y'aba-GP. Barababuze. Bagiye bimyiza imoso. Ubwo rero, namwe ntimuli abana, muramenye ntimuzajye ku ivuko iwanyu !* ». Duhita tujya guhungira mu yindi komine. Nyuma yaho, na none i Muzenga iwabo wa Mureme, haje camionnette yuzuye abasilikare. Baramubaliliza. Baramubura. Basubira i Kigali.

Nyuma, duhungira muli Zone turquoise, mu nkambi y'Abafaransa, ku Gikongoro i Murambi. Turokoka dutyo !

Ubwo se, aho tutali Abacikacumu ni hehe ?

Nyamara Sylvestre Nsengiyumva we, icyo gihe cyose yali yibereye i Burayi, mu Bubiligi, kuko yagiyeyo mbere ya Génocide.

Hagati aho, Gouvernement y'Abatabazi yirukanye Mwalimu Mureme Kubwimana ngo kuko yabuze ku kazi. Imusimbuza undi.

Ngayo ! Nguko !

## J. Nta cyicaro na kimwe Mwalimu Mureme Kubwimana yigeze ahabwa n'Igisuti [= *L'Aristocratie Hima-Tutsi-Vântâra*]. Yewe, nta n'akanya ko ku Karubanda yigeze imwihera. Ahubwo yali ahasize agatwe.

Sylvestre Nsengiyumva arakoronga Mwalimu Mureme Kubwimana ngo yavuye ku meza y'Abakiga yilirwa atuka, akomereza ku meza y'Aba-Hima-Tutsi yilirwa atuka. Aragira, ati : « *Abahima atuka bagifata Ubutegetsi, Mureme ntabwo yigeze ahunga. Yahise aba umutegetsi w'ingoma ya Kagame. Urumva ? Ategeka ISFP y'i Mburabuturo. Aba umuyobozi muli Minifin, ministeri ikomeye. Yali ashinzwe kuneka Rugenera akajya yiba n'amadosiye ya Rugenera muli Minifin akayajyana kuli Headquarter ya FPR ku Kimihurura, etc. Ibyo byose turabizi. Ntabwo dushaka kubitindaho* ».

Ibi bintu si byo. Habe na busa. Mwalimu Mureme Kubwimana ntiyigeze aba Directeur wa ISFP, ngo hanyuma anabe Umuyobozi muli Minifin, Ministeri ikomeye, ku ngoma ya Fpr Inkotanyi. Yewe, n'aho kuli Headquarter ya Fpr Inkotanyi ntiyigeze ahagera.

Sylvestre Nsengiyumva ni mubi. Si bwo amuhinduye Maneko wa Fpr Inkotanyi ! Asabwe gutanga preuves z'ibyo avuga. Niyerekane arrêtés ministériels cyangwa

présidentiels z'iyo myanya. Navuge Journal officiel byasohotsemo. Naduhe photocopies zabyo.

Uko mbizi, Mwalimu Mureme Kubwimana nta mwanya n'umwe Leta ya Fpr Inkotanyi yigeze imwihera. « *Habe n'igice cy'igipesu »,* ni ko akunda kwivugira. Yakoraga ibiraka bya Comptabilité, bya Statistique, akanigisha muli za Universités zinyuranye amasomo yabuze cyîgîsha, nka « *Comptabilité nationale* », nka « *Comptabilité des sociétés* » na « *Audit et Commissariat aux comptes* ». Université yamaraga gutunganyiliza neza isomo, yamurangiraga iyindi. Noneho, abanyeshuli bo muli ULK banyuzwe n'imyigishilize ya Mwalimu Mureme Kubwimana, bo bonyine batekeza Recteur, bashaka ko aba professeur permanent. Bagiye kubwira Recteur, bose, bose, Abahutu n'Abatutsi, bati : « *Nimumugire permanent. Il est très, très compétent. Nous vous l'assurons, Monsieur le Recteur !* ». Biba bityo. N'ubu, iyo Mwalimu Mureme Kubwimana, abyibutse, arambwira, ati : **« *Oh ! Je les aimais beaucoup ! Ils étaient très courageux !* ».**

Tujya guhunga rero, byaturutse muli Banques populaires. Mwalimu Mureme Kubwimana yali « ***Président du Conseil d'Administration de l'Union des Banques populaires du Rwanda*** ». Yali yaratowe n'abanyamulyango b'ama-banques populaires yo mu Rwanda bâturutse mu makomine imihanda yose. Yali azi cyane kurwanilira inyungu z'abanyamulyango ba Banques populaires. Agakubitiraho no kuba azi Comptabilité mu rwego rwo hejuru.

Gusa rero, nta wali ubizi, Fpr Inkotanyi yaje ishaka kwambura abanyamulyango ba Banques populaires banques zabo. Ikongera ikavuga ko 85 % z'abo banyamulyango ali Abahutu. Ko zibafitiye akamaro gakomeye cyane, kandi ali interahamwe z'Abahutu zigomba gucupira no kurwara amavunja. Aba-Hima-Tutsi b'Abavântâra baravugaga, bati : « *Abahutu tugomba kubacupiza, bakarwara amavunja. Niho tuzabategeka neza* ». Ubwo rero bashakaga gukamya isôko yose yaha agafaranga Umuhutu. Hali n'abavugaga ko Imhanvigituma Mureme Kubwimana yatorwaga akabona aliya majwi yose ali uko ali Umuhutu, kuko 85 % z'abanyamulyango ali Abahutu. Ibyo bintu bikenyegezwa cyane cyane n'abantu babili ali bo Marc Rugenera na Jean Sayinzoga. Rugenera niwe wali ufite amabanki populaires mu nshingano ze. Marc Rugenera yarababwiye, ati : « *Uliya Mureme utorwa n'abaturage b'U-Rwanda rwose kuliya, mumwitondere. Il est très ambitieux. Il est terrible. Afite icyo agamije !* ». Ibyo bintu na Pasteur Bizimungu babimushyiramo. Na ministre Augustin Iyamuremye w'iwacu i Butare, nawe babimushyiramo. Ahita avuga, ati : « *Mureme ni igicucu. Il n'y comprend rien. Abaturage se bavuze iki ? Il faut oublier ça !* ». Tugiye kwumva, twumva ngo inama ya Gouvernement yateranye, yasezereye Président w'ishyirahamwe lya Banques populaires mu Rwanda. Nyamara, ntaho bihuliye. Banques populaires ni privées. Ni iz'abaturage.

Mwalimu Mureme Kubwimana arabererereka, aliko biba iby'ubusa. Bakomeza kumwirukaho. Bashakaga kwigarulira, guprivatiza no kwihalira Banques populaires, ba baturage b'Abahutu badashaka bakagenda amara masa. Mwalimu Mureme Kubwimana yali « ***un témoin gênant*** ». Bakavuga ko ali umuntu w'Abasuwisi, kandi

ko Amateka ya Banques populaires ayazi cyane, ko bitazoroha kuyasibanganya. Twabanje kubûlirwa n'umuntu w'inshuti waje aratubwira, ati : « *Mzee yikandagire. Rugenera asigaye aza kwa Kagame mu kagoroba, akavayo mu kajoro, ntawuzi ibyo balimo bapangana* ».

Umunsi umwe, muli dortoir y'abasilikare, hali ikipe yaraye mu myiteguro y'urugamba. Mugenzi wabo umwe utali muli iyo kipe abibonye, ati : « *Aliko muli mu biki ?* ». Bati : « ***Dufite ikiraka.*** *Tugomba kujya haruguru ya Rwamhara, i Gikondo, kwica umugabo witwa ngo Mureme. Ni ibintu bilimo ba Rugenera* ». Nyamara uwo mugenzi wabo babwiraga yali umuntu wacu. Ubwo nawe yahise ashaka abandi bahungu. Babandi bagiye guhaguruka ngo bajye muli mission yabo kuli Mureme, abagize équipe ya wa muntu wacu baba babitambitse imbere, bati : « *Mureme, mumurebe, mwirebe. Mugende kandi mubwire Rugenera uwo, muti : « Mureme akora igiti, agakora ibuye ! »* ». Ibintu birasakuza. Abayobozi baraza, barabihosha, mu ibanga likomeye.

Ubwo natwe, ntituli abana, twahise dupanga ibyo twagombaga gupanga. Twatindijwe no kugulisha inzu. Birangiye nyine twarahunze. N'uwo muntu wacu nawe arahunga. Ngayo, nguko.

## K. Ibi byo ni ukuli. Mwalimu Mureme Kubwimana asingiza Mgr Alexis Kagame Se-Mateka.

Sylvestre Nsengiyumva aragira, ati : « *Uyu Mureme iyi carrière ye yose yo kwandika Amateka yamukijije, ayikesha mbere na mbere Mgr Alexis Kagame wamufashe mu kwaha kwe kuva akili mu iseminari* ».

Ibyo byo rwose, ntabwo Mwalimu Mureme Kubwimana nawe ajya abihakana. Na we ubwe alivugira, ati : **« *Ndi igikuli cyicaye ku bitugu by'umu-géant Mgr Alexis Kagame Se-Mateka. Ndi agati gateretswe n'IMANA, kadasenywa n'umuyaga !* ».**

## L. Sylvestre Nsengiyumva aragira kandi, ati : « *Umututsi w'umu-aristocrate wundi witwa Mgr Gahamanyi aramufata, amuha toute la documentation ya Mgr Alexis Kagame yasize n'uwitwa Félicien Muvara bakoranaga. Arabimuha byose, ati : « Komeza, ukomeze wandike aya Mateka ! » ».*

Ibi bintu, niba Sylvestre Nsengiyumva abifitiye des preuves matérielles, azazitange. Aliko se ubundi, bimurebaho iki ?

## M. Nta kibazo na gito Mwalimu Mureme Kubwimana yigeze agirana na L'Harmattan.

Sylvestre Nsengiyumva aragira, ati : « *Kuva yagirana ibibazo na maison d'Édition L'Harmattan bamupubliyaga, bakagirana ibibazo kubera ibintu by'amatiku byo gutuka abandi banditsi, ----* ».

Ibi bintu ni ugusebanya. Ni ugupacapaca. Aravuga ibyo atazi. N'ubu baracyafitanye umubano mwiza na L'Harmattan. Sylvestre Nsengiyumva asabwe gutanga gihamya y'ukuntu ngo bagiranye ibibazo.

## N. Nitwa Espérance Mureme Kamparage. Ndi Umutegarugoli wa Mureme Kubwimana, kandi ndi Umututsikazimugufi. Data na Mama bombi bali Abatutsibagufi. Bishwe muli Génocide muli tumba 1994.

**Sylvestre Nsengiyumva aragira, ati :** « *Mureme yashinze aka-maison d'Édition. Kayoborwa na nde ? Kayoborwa n'umudamu witwa Kamparage w'Umuhima-Tutsi w'Ibwami. Kakaba ali ko gatunze uyu mugabo. Donc, muli make, yaba Abakiga n'aba-Hima-Tutsi yilirwa atuka, kuva Mureme yabaho, il mange dans les mains z'abo ngabo. C'est ce qu'on appelle : «cracher dans la soupe ». Kwa kundi ushobora kunywa amata, warangiza ugacira mu cyansi. Ibi rero niba atali banditisme politique sans morale, ubwo bazambwire icyo ali cyo !* ».

Ibi bintu ni ugusebanya gukabije, kudashobora kwihanganirwa. Ndi Umututsikazimugufi. Sindi umu-Hima-Tutsi w'Ibwami. **Ahubwo Sylvestre Nsengiyunva niyerekane aliwe ko nkomoka kuli Ruganzu II Ndoli ; cyangwa kuli Lyangombe ; cyangwa ku ntumwa zabo ; cyangwa mu Bami b'Abiru.** Ikindi gikomeye, ndamumenyesha ko ubwabyo, ibi bintu ankoreye byo gutangaza identité yanjye –itali na yo-, kuli Radio-Internet ngo ndi umu-Hima-Tutsi w'Ibwami ali icyaha gikomeye azahanirwa n'amategeko. Sylvestre Nsengiyunva yicare azi ko nacyo nzakimukulikiranaho. Igikomeye noneho kurushaho, ni ibi bisebyo asebya umugabo wanjye ngo alira mu ntoki z'Abanyakazu n'Abanyagisuti ; kandi ngo ni Hutiste fondamentaliste na Ndugiste fondamentaliste.

Umugabo wanjye Mureme Kubwimana ni Umuhutu. Ni n'uw'iwacu ku Gisagara. Tuziranye kuva mu buto bwacu, afite imyaka 19 ; mfite imyaka 17. Tumaranye imyaka 43. Ntalira mu biganza byanjye. Nanjye sindira mu biganza bye. Turubakanye. Twasangiye akabisi n'agahiye. Dusangiye gupfa no gukira. Tuli pata na rugi ! Rero, ntiyakwanga urunuka Abatutsi ngo Sylvestre Nsengiyumva, -*utali n'Umututsi ngo bigire inzira, kabone n'ubwo nyina ali Umututsikazi*-, ngo andushe kubimenya. **Sindi igicucu cyarongorwa n'umwanzi w'abanjye, ngo ndinde marana n'uwo mubisha imyaka 43 yose, ntarahumuka !**

Ndanahamya ko Sylvestre Nsengiyumva atigeze atotezwa kuko Nyina ali Umututsikazi. Aliko Mwalimu Mureme Kubwimana we, yaratotejwe kubera ko umugore we ali Umututsikazi. Kandi ankomeraho. Umugabo nya mugabo, umubona mu byago ! Ntiyigeze anjugunya. Uko babimutoterezaga, ni nako yarushagaho

kunkunda. Ntiyandiye. Sinamuliye. Sylvestre Nsengiyunva, nagese ubw'iyo ! Nahakwe neza ! Yihakanwa umugabo wanjye ! Ese ubundi, ko hâvugwaga, iby'Amateka na Politike, umutegarugoli wa Mureme yabijemo ate ? Mbega umu-intellectuel Nsengiyunva !

Mwalimu Mureme Kubwimana abanira neza Abatutsi kuva mu bwana bwe. Yatoraguye impfubyi z'Abatutsi zasigaye iwacu, arazirera. Azigira abana bacu. Abandi bana ba musaza wanjye, bo, aba-Hutistes fondamentalistes nyabo babajugunye mu musarani. Impfubyi Mwalimu Mureme Kubwimana yareze, zanze gusigara mu Rwanda tutalimo. Turahungana. Ko ntarunva umwana w'Umututsi n'umwe Paul Kagame Rwabujindili yatoraguye ngo amurere byibura n'umwaka umwe mu rugo rwe ? Ntiyirerera abe gusa, yibyaliye ! Abataliyani bali barabitoraguliye, ahubwo yaragiye abahubuzayo, baraza baba ba Mayibobo ! Mwalimu Mureme Kubwimana yishyuliye amashuli abana b'Abatutsi bamuganaga. Yarwanye ku Batutsi benshi cyane. Asingiza Umututsi Mgr Alexis Kagame Se-Mateka, Umututsi Mutara III Rudahigwa Se-Muco…. Data na Mama bamukundaga nk'umuhungu wabo bwite. Nawe akabakunda nk'ababyeyi be bwite. Benewacu, sinavuga.

None dore Sylvestre Nsengiyumva amuhinduye interahamwe ! Un Hutiste fondamentaliste ! Wanga Abatutsi urunuka ! Un Ndugiste fondamentaliste ! Ahaaa ! ***Ibi bintu ni ugukabya kwipendeza ku Batutsi. Ni uguhakanwa abandi. Si ugukora Opozisiyo, ahubwo ni ukuba Gishigisha. Ni ukuyisenya ! Nyamara, biragaragara ko, ahubwo ali Sylvestre Nsengiyunva ukorera Fpr Inkotanyi. Ibi byose ni ukuyobya uburali. Ibi bintu birakabije. Urukiko rwonyine ni rwo rwabihosha. Uwabyihorera, bazahora bamukangisha « Ingengabitekerezo zibaho zose ».***

Oya rwose Mwalimu Mureme Kubwimana ntiyanga Abatutsi. Yanga Igisuti [= ***le système colonial Hima-Tutsi-Vântâra***]. Yanga Aristocratie Hima-Tutsi-Vântâra. Yanga armée mono tribale Hima-Tutsi. Yanga ko Umuhima-Tutsi w'Umunyamahanga aruta kure Umuhutu n'Umutwa w'Umunyarwanda mu Rwanda. Gukunda Abatutsi ntibyakagombye gusaba kwiyanga ubwawe no kwirengagiza Benewanyu. Abahutu, Abatwa, n'Abatutsibagufi, nabo ni Abanyarwanda. Bagomba kunvwa no gufatwa kimwe nk'Abanyarwanda nabo. Ni kuki Mwalimu Mureme Kubwimana yarwanya umu-Tyran militaire sanguinaire w'Umuhutu, aliko agahatirwa gukunda no gukomera amashyi umu-Tyran militaire sanguinaire w'Umututsi. Ku ngoma y'Akazu, umuntu yarakopforaga, ngo yatutse Umubyeyi w'Igihugu. None ku ngoma y'Igisuti, umuntu arakopfora, ngo afite Ingengabitekerezo : « *Idéologie divisioniste, génocidaire, hutiste fondamentaliste, ndugiste fondamentaliste, révisionniste, négationniste …* ». **Idéologie divisionniste cyangwa génocidaire ipimwa n'iyihe appareil ? Wa muntu we ! Ubamba Isi, ntakurura !**

## O. Mu minsi ishize, Prezida Paul Kagame Rwabujindili yahaye Mgr Alexis Kagame Se-Mateka umudali w'ishimo n'igihembo cya miliyoni eshatu z'amafaranga y'amanyarwanda.

Byunvikane neza. Byagenewe Diyoseze ya Butare. Ntabwo rero uwo mudali n'icyo gihembo byahawe Mwalimu Mureme Kubwimana. **Igihembo cyahawe Mgr Alexis Kagame Se-Mateka, ntabwo cyahawe Mwalimu Mureme kubwimana.** Nta n'ubwo ali uyu cyali kigenewe. Sylvestre Nsengiyumva arabeshya cyane. Aravuga imhuha.

## P. Nta mugabo wa mushiki we Mwalimu Mureme Kubwimana yigeze ashaka gufungisha amurega ngo ni interahamwe. Ibyo bintu ntibyigeze bibaho. Habe na limwe. Ngaho Sylvsetre Nsengiyumva natange ibimenyetso.

## Q. Mo kimwe, niba Sylvestre Nsengiyumva atabeshyera inshuti yabo bombi Jean-Baptiste Nkuliyingoma, inshuti yabo bombi Jean-Baptiste Nkuliyingoma irabeshyera Mwalimu Mureme Kubwimana.

Sylvestre Nsengiyumva arabeshya, akageza n'aho abeshyera uwo yita inshuti ye Jean-Baptiste Nkuliyingoma, ikaba n'inshuti ya Mwalimu Mureme Kubwimana.

**Nsengiyumva aragira, ati :** « *Mu minsi yashize, Mureme yantumyeho umuntu w'inshuti ye nanjye w'inshuti yanjye tuziranye na kera mu ruhando rwa kera rwa Politike, aramubwira, ati : « Uzambwilire Sylvestre yuko nkunda ibiganiro bye cyane acisha ngo ku Bumwe no ku Ikondera. Ati : « Ndetse umubaze niba akinyibuka kuko mbere y'intambara yali conseiller wa ministre w'Imali Rugenera. Jye nali muli MINIFIN nanjye ndi umwe muli PSD. Sinzi niba anyibuka --------- Naramwemeraga cyane ali umuntu w'umugabo. Akavuga ngo Rugenera yali imbwa. Akavuga ngo n'abandi bose bali imbwa, Sylvestre ni we twemeraga. Biliya byo gutukana. Uwo muntu araza arabimbwira, ambwira ngo nzamutelefone. Mhita mvuga ko ntazamutelefona kuko nali nzi ibyo byose yakoreye ba Rugenera ukuntu yabanekaga nali mbizi !* ».

Aha rwose Sylvestre Nsengiyunva abeshyeye Jean-Baptiste Nkuliyingoma. Niba koko ali ko uyu yamubwiye, noneho Jean-Baptiste Nkuliyingoma yabeshyeye Mwalimu Mureme Kubwimana.

Dore uko byagenze. Mwalimu Mureme Kubwimana ntiyali kuli WhatsApp. Mu kwezi kwa gatandatu 2018, Jean-Baptiste Nkuliyingoma yandikiye E-mail Mwalimu Mureme Kubwimana amusaba kujya kuli WhatsApp kugira ngo ajye amugezaho imbîkîsho y'ibiganiro bya Sylvestre Nsengiyumva ngo akunze gukora. Mwalimu Mureme Kubwimana yamwemereye ko azayijyaho. Ku wa 01 nyakanga 2018, yayijyiyeho.

Bwa mbere na mbere, Mwalimu Mureme Kubwimana, we wenyine, abyiboneye kuli mobile ye, yumvise ibiganiro bibili bya Sylvestre Nsengiyumva, yise « ***Ubuhamya bwanjye bw'agahinda natewe na Fpr Inkotanyi*** », yagiliye kw'Ikondera.com ku wa

05/08/2018 no ku wa 09/08/2018. Ni ibiganiro birebire cyane. Mwalimu Mureme Kubwimana yageze hagati, yumvise ukuntu Sylvestre Nsengiyumva yivugira ko ambassadeur Amandin Rugira ali inshuti ye ; kandi ko yamuhaye amadolari ibihumbi bitatu bya Fpr Inkotanyi, ngo ajye mu Rwanda, akahajya. Mwalimu Mureme Kubwimana yahise agira iseseme nyinshi cyane, afunga téléphone portable. Ndanga ndamubwira, nti : « *Oya ! Reka birangire, wiyumvire !* ».

Muli make, Sylvestre Nsengiyumva arasobanura ukuntu Fpr Inkotanyi, ibicishije kuli ambassadeur Amandin Rugira, yamuhaye ibihumbi bitatu by'amadolari, ikamurambagiza, maze ikamucyura mu Rwanda, bamwemereye kumugira Secrétaire d'État. Aliko ngo baramubeshye ; yarahageze baramutendeka ; kera kabaye bagiye kumuha umwanya, bamugira ibindi bindi bitali wa mwanya wa Secrétaire d'État yifuzaga. N'ibindi, n'ibindi. Ngo kubera imhamvu zinyuranye, yafashe icyemezo cyo kwisubilira mu Bubiligi.

Nta kuntu rero, ibintu byabaye nirebera, iseseme yose ibyo biganiro byateye Mwalimu Mureme Kubwimana, -nirebera-, byahindukira bikitwa ngo « *Uzambwilire Sylvestre yuko nkunda ibiganiro bye cyane acisha ngo ku Bumwe no kw'Ikondera* ». Ahubwo ukuli ni uko abyanga cyane. Mo kimwe rero, Sylvestre Nsengiyunva yabeshyeye Jean-Baptiste Nkuliyingoma cyangwa uyu yabeshyeye Mwalimu Mureme Kubwimana.

Messages zose yahererekanyije na Jean-Baptiste Nkuliyingoma twarazisovye zose. Turazifite. Zirahali. Si ibyo zivuga. Ahubwo ziravuga le contraire : « ***La déception, le dégoût*** ». Byageze aho Jean-Baptiste Nkuliyingoma ubwe atelefona Mwalimu Mureme Kubwimana kuli WhatsApp, ku wa 11 ugushyingo 2018, mhibereye. Bavuganaga ku byerekeye nyine icyo kiganiro Sylvestre Nsengiyumva yatanze taliki ya kalindwi ugushyingo 2018 (07/11/2018) kuli « ***Ikonderalibre.com*** ». Nkuliyingoma yabwiye Mwalimu Mureme Kubwimana, ati : « *Uliya muntu na we ali mu bagomba gukosorwa ---------- Nanjye tujya tujya imhaka ntiturangize ----------. Ajya kuvuga biliya bintu ntawe yabibwiye, nawe rero iyo intervention publique yawe wateguye, ugomba guhita uyitangaza ntawe ubibwiye ----------. Nta kibazo mbibonamo !* ».

Mwalimu Mureme Kubwimana abwira Jean-Baptiste Nkuliyingoma, -mhali niyunvira-, ati : « *Nanjye ngiye gupubliya une réponse adéquate, au même diapason. Niba ali inshuti yawe, rwose ntazadutobere umubano. Uwo nzi kandi nemera, ni wowe …. Jye sindi mubi, mais je refuse l'agression !* ».

Niba hali n'icyo Jean-Baptiste Nkuliyingoma yavuganye na Sylvestre Nsengiyumva kuli izo messages bahererekanyije n'iyo téléphone bagiranye kuli izo mhamvu, biragaragara ko ibyo Sylvestre Nsengiyumva avuga ntaho bihuliye n'ukuli. Ni amatiku.

Sylvestre Nsengiyumva asabwe gusaba imbabazi.

## R. Ibintu Sylvestre Nsengiyumva ashinja Mwalimu Mureme Kubwimana, ngo : « *Idéologie divisionniste ishingiye ku bintu*

*by'uturere n'amôko. Idéologie ndugiste fondamentaliste. Idéologie hutiste fondamentaliste* **».**

**Ibi bintu ni accusations très graves et absolument intolérables. Ndabona ahubwo igisigaye ali ukugereka kuli Mwalimu Mureme Kubwimana Idéologie génocidaire !**

Ibi bintu ntabwo ali ibyo kwihanganira. Bigomba gushyikilizwa urukiko. C'est de la diffamation publique entendue par un certain nombre de personnes, qu'il est impossible de prévoir et qui pis est, diffusée à la radio.

Nabajije Mwalimu Mureme Kubwimana uko abibona muli politike, arambwira, ati : « *FPR Inkotanyi ilimo irakoresha stratagèmes politiques ebyili : stratagème de l'exécrable na stratagème de l'attaque personnelle. Igamije ibintu bibili : gusenya* ***Mcr Abasangirangendo*** *no gusekuranya Abakiga n'Abanyenduga. Ubwo rero, parades zacu natwe, ni ibanga lyacu. FPR Inkotanyi ni yo ibyihishe inyuma, muli ambassade i Bruxelles kwa Amandin Rugira. Abanyakazu nabo bagomba kuba bamaze kubitahûra. Ntubona ko bicecekeye ! Buliya balimo baravuga, bati : « Urusha Nyina w'umwana imbabazi aba ashaka kumulya. Buliya koko Sylvestre Nsengiyumva ni we wo kutuvuganira ? Kuki yiha kuvuga mu izina lyacu ? Alimo araturegera Mureme se, buliya alibwira ko aturusha kumumenya ? Naba na Mureme akubwira icyo atekereza atakulyalya ! Au moins lui ! Abandi baratubeshya ! Umuntu arakulyalya, bwacya ukumva yageze i Kigali, cyangwa bikazarangira agushyiliye utûzi mu kirahure* ! » ».

## S. Notre soutien franc à Radio Ubumwe et toutes nos amitiés à Espérance Mukashema et à son mari intègre.

Mu kurangiza, mboneyeho gushima bivuye ku mitima imikorere ya Radio Ubumwe, no gushyikiliza Espérance Mukashema n'umugabo we w'intwali, ikimenyetso cy'icyubahiro cyîrambuye, umugabo wanjye najye ubwanjye, tububaha kuva kera.

Nashimye bya nyabyo umusôzo w'ikiganiro cyali kimaze gukorwa, ugira uti : « ***Ndumva nta kindi. Ndumva ubisobanuye. Ubwo wowe wisobanuye uko ubyumva. Ubwo rero, wa mugabo nabishaka, Mureme, nashaka débat ku Ikondera wakoreyeho ikiganiro nabwo ntabwo byaba ali bibi. N'iyo yaza kuli iyi. No ku Bumwe rwose nta kibazo. Kuko wowe ibyo utubwiye wenda bishobora kuba atali byo. Birashoboka ko umubeshyera. Ndabwira abatwumva ko ibyo ali ibitekerezo byawe, nk'umutumirwa. Ntabwo ali ibitekerezo byanjye. Ntabwo ali ibitekerezo bya Radio Ubumwe. Sylvestre na we, yenda ibyo wavuze, ashobora kuzavuga ko wamubeshyeye !*** ».

Kubera izi mhamvu, mvuze ko nzakulikirana mu nkiko Sylvestre Nsengiyumva wenyine, aliko ntazakulikirana Espérance Mukashema, cyangwa Radio Ubumwe.

Cyakora, Espérance Mukashema na Radio Ubumwe mbasabye gusoma iyi nyandiko kuli Radio Ubumwe, hakulikijwe *méthodologie* bazihitiramo. Mbasabye gukora ibishoboka byose kugira ngo Sylvestre Nsengiyumva azakore attestation mu gifaransa, yemeza ko iyi nyandiko y'imyiteguro yo gukora « ***Plainte pour diffamation publique, à la Radio Ubumwe, contre Sylvestre Nsengiyumva*** », yayisomye, kandi ko yayumvise n'amatwi ye kuli Radio Ubumwe.

Mbaye menyesheje Espérance Mukashema ko kiliya kiganiro n'iyi nyandiko bigiye gushyirwa mu gifaransa na *un traducteur assermenté*. Amafaranga bizadutwara alibazwa. Ibyo ali byo byose, bizishyurwa n'umuburanyi. Ni ko bigenda.

Mbaye menyesheje Espérance Mukashema ko kiliya kiganiro kizafatwa amajwi na *huissier de Justice*.

Ndangije menyesha Espérance Mukashema ko ikindi kiganiro cyose azongera kugirana na Sylvestre Nsengiyumva kuli Radio Ubumwe, kimwe n'ahandi hose yagitanga, icyo kiganiro kizajya gifatwa amajwi na *huissier de Justice* kugira ngo niba havuzwemo na gato Mwalimu Mureme Kubwimana, **Mcr Abasangirangendo**, gihite gisukwa muli dosiye y'Ubutabera.

Ubu, nanzuye mvuga ko, ibyo nsaba byose biramutse bitabaye mbere y'italiki 10 ukuboza 2018 saa sita z'ijoro, nzarega Sylvestre Nsengiyumva. Nzamukulikirana mu rukiko mu izina lya famille yanjye n'ilya **Mcr Abasangirangendo**. Cyakora, ntazarambirwe kuko imyiteguro nk'iyi ifata igihe kirekire mbere yuko *assignation* nyilizina isohoka. **Avocat aba azi umwuga we, kandi akagira imanza nyinshi ashyira ku murongo.**

**Bikorewe i Rouen, ku wa 27 ugushyingo 2018**

**Espérance MUREME KAMPARAGE**
**Responsable de l'Édition SCIPORWA**